# Icyegeranyo cy'Amakuru y'Imikino yaranze icyumweru

**2022** Taliki 21-23 Ukwakira



P1. Volleyball: ForeFront VC na APR VC zitwaye neza ku munsi wa kabiri wa shampiyona

## Ijambo ry'ibanze

Komite Olempike y'u Rwanda yashyizeho iki cyegeranyo mu rwego rwo kurushaho kumenyekanisha ibikorwa byayo n'iby'abanyamuryango bayo (Amashyirahamwe y'Imikino mu Rwanda) hagamijwe gukomeza guteza imbere siporo no kuyikundisha Abanyarwanda muri rusange by'umwihariko abakiri bato.

Iki cyegeranyo gikubiyemo amakuru n'ibikorwa bya siporo byaranze icyumweru, kikazajya gisohoka rimwe mu cyumweru.

Ntigisimbura kandi izindi nzira Komite Olempike y'u Rwanda isanzwe ikoresha mu kugeza amakuru ku banyamuryango bayo n'abanyarwanda muri rusange.

# Ibirimo

P1 **Volleyball:** ForeFront VC na APR VC zitwaye neza ku munsi wa kabiri wa shampiyona

P2 **CAN U-23:** Ikipe y'u Rwanda yagiye gukina umukino wo kwishyura muri Mali

P2 **Football :** Habaye imikino y'umunsi wa 6 wa shampiyona

P3 **Swimming:** Habaye igikorwa cyo gushaka abafite impano mu irushanwa rikinirwa mu Biyaga

# 1 Volleyball: ForeFront VC na APR VC zitwaye neza ku munsi wa kabiri wa shampiyona

Ikipe ya ForeFront VC mu bagabo na APR VC mu bagore ni zo zitwaye neza mu mikino y'umunsi wa kabiri wa shampiyona y'icyiciro cya mbere muri Volleyball "Rwanda National Volleyball League 2022-2023", imikino yabaye taliki 22 na 23 Ukwakira 2022.

Mu bagabo imikino yabereye mu Busanza aho ikipe Gisagara VC yatsinze KVC amaseti 3-0, REG VC itsinda IPRC Musanze amaseti 3-1, APR VC itsinda Kirehe VC amaseti 3-0 naho ForeFront VC itsinda IPRC Ngoma amaseti 3-1.

Amakipe yitwaye neza yakomeje muri ½ cy'irangiza aho ikipe ForeFront VC yatsinze REG VC amaseti 3-0 (25-23, 25-21 na 25-15) naho APR VC itsinda Gisagara VC amaseti 3-2 (25-23, 25-27, 28-26, 20-25 na 17-15).

Ikipe ya ForeFront VC mu guhatanira umwanya wa mbere yatsinze ikipe ya APR VC amaseti 3-1 (27-25, 20-25, 25-20 na 25-21). Ikipe ya REG VC yegukanye umwanya wa 3 itsinze Gisagara VC amaseti 3-0.

Iyi kipe ya ForeFront VC yasoreje ku mwanya wa mbere n'amanota 8, ikurikirwa na APR VC n'amanota 7, REG VC (6), Gisagara VC (5), Kirehe VC (4), IPRC Musanze (3), IPRC Ngoma (2) na KVC (1).

Muri rusange, ikipe ya Gisaraga VC yari yegukanye agace ka mbere ni yo iyoboye aho ifite amanota 13 inganya na REG VC iri ku mwanya wa kabiri na APR VC iri ku mwanya wa 3. Ikipe ya ForeFront VC iri ku mwanya wa 4 n'amanota 12, Kirehe VC (7), IPRC Ngoma (7), IPRC Musanze (3) na KVC (2).




Ikipe ya ForeFront VC yegukanye agace ka kabiri ka shampiyona

**Mu bagore, APR VC yongeye kwitwara neza**

Nyuma yo kwegukana agace ka mbere "Phase 1", ikipe ya APR VC nta bwo yakinnye imikino y'amajonjora ku munsi wa kabiri.

Muri iyi mikino yabereye muri Notre Dame des Anges Primary School i Remera, ikipe ya ForeFront VC yatsinze St Bernadette amaseti 3-0, RRA VC itsinda IPRC Huye amaseti 3-0, IPRC Kigali itsinda Ruhango VC amaseti 3-2.

Muri ½ cy'irangiza , ikipe ya APR VC yatsinze RRA VC amaseti 3-0 (25-13,25-22 na 25-17) naho ForeFront VC itsinda IPRC Kigali amaseti 3-0 (25-12, 25-19 na 25-13).

Mu guhatanira umwanya wa mbere, ikipe ya APR VC yatsinze ForeFront VC amaseti 3-1 (23-25, 25-15, 25-17 na 25-14) naho ikipe ya RRA VC yegukanye umwanya wa 3 itsinze IPRC Kigali amaseti 3-0.

Ikipe ya APR VC yasoje iyoboye agace ka kabiri n'amanota 7 ikurikirwa na ForeFront VC n'amanota 6, RRA VC (5), IPRC Kigali (4), Ruhango VC (3), IPRC Huye (2) na St Bernadette (1).

Muri rusange nyuma y'uduce tubiri, ikipe ya APR VC irayoboye n'amanota 14 ikurikiwe na ForeFront VC (12), RRA VC (10), Ruhango VC (7), IPRC Kigali (7), IPRC Huye (4) na St Bernadette (2).

Imikino y'umunsi wa gatatu "Phase 3" izabera mu Karere ka Kirehe taliki 29 na 30 Ukwakira 2022.



Ikipe ya APR VC yitwaye neza ku munsi wa kabiri wa shampiyona

## CAN U-23: Ikipe y'u Rwanda yagiye gukina umukino wo kwishyura muri Mali

Taliki 22 Ukwakira 2022, ikipe y'u Rwanda "Amavubi" mu batarengeje imyaka 23 yanganyije na Mali mu mukino mu gushaka itike y'igikombe cy'Afurika "Africa U-23 Cup of Nations 2023".

Uyu mukino wabereye kuri Sitade Mpuzamahanga ya Huye warangiye amakipe yombi anganyije igitego 1-1. Igitego cya Mali cyabonetse ku munota wa 42 gitsinzwe na Ahmed Diomonde. Ku munota wa 43 ikipe y'u Rwanda ibona igitego cyo kwishyura nyuma y'uko umukinnyi wa Mali asubije umupira inyuma awuha umunyezamu Lassine Diarra ntiyabasha kuwuhagarika uhita ujya mu izamu.

Kuri ubu ikipe y'u Rwanda iri i Bamako muri Mali aho izakina umukino wo kwishyura ku wa Gatandatu taliki 29 Ukwakira 2022.

Iyi kipe y'u Rwanda "Amavubi U-23" yageze muri iki cyiciro cya kabiri nyuma yo gusezerera Libiya ku bitego 4-4 mu mikino yombi. Mu cyiciro cya gatatu ari na cyo cya nyuma, ikipe izakomeza hagati y'u Rwanda na Mali izahura n'ikipe izaba yakomeje hagati ya Burkina Faso na Senegal.

Imikino ya CAN-23 izabera muri Maroc muri Kamena 2023 aho izitabirwa n'amakipe 8. Amakipe 3 ya mbere azabona itike yo kuzaserukira Afurika mu mikino Olempike "Summer Olympic Games 2024" izabera i Paris mu Bufaransa.

**Uko umukino ubanza wagenze**

**Taliki 22-10-2022**
Rwanda 1-1 Mali

**Taliki 29-10-2022**
Mali-Rwanda (Bamako)



## Football : Habaye imikino y'umunsi wa 6 wa shampiyona

Taliki 21 na 23 Ukwakira 2022 habaye imikino y'umunsi wa 6 wa shampiyona y'icyiciro cya mbere mu bagabo. Ikipe ya Rayon Sports ikaba yaritwaye neza itsinda Espoir FC ibitego 3-0 ikomeza kuyobora urutonde by'agateganyo.

Imikino 5 ni yo yakinwe naho indi 3 irasubikwa kubera amakipe amwe afite abakinnyi benshi mu ikipe y'u Rwanda y'abatarengeje imyaka 23 iri mu mikino yo gushaka itike y'igikombe cy'Afurika.
Imikino y'umunsi wa 7 biteganyijwe ko izakinwa taliki 28 na 30 Ukwakira 2022.

**Uko imikino yagenze**

**Taliki 21-10-2022**
- Police FC **2-1** Etincelles FC

**Taliki 23-10-2022**
- Bugesera FC **2-0** Rwamagana City FC
- Mukura **0-1** Kiyovu
- Musanze FC **1-0** Sunrise FC
- Rayon Sports **3-0** Espoir FC

**Urutonde rwa shampiyona 2022-2023**

| Umwanya | Ikipe | Imikino | Amanota |
|---|---|---|---|
| 1 | Rayon Sports | 5 | 15 |
| 2 | Kiyovu | 6 | 13 |
| 3 | Musanze FC | 5 | 12 |
| 4 | APR FC | 5 | 10 |
| 5 | Gasogi United | 5 | 10 |
| 6 | Bugesera FC | 6 | 9 |
| 7 | Gorilla FC | 5 | 7 |
| 8 | Sunrise FC | 6 | 7 |
| 9 | Police FC | 6 | 7 |
| 10 | AS Kigali | 2 | 6 |
| 11 | Mukura | 5 | 6 |
| 12 | Rutsiro FC | 5 | 5 |
| 13 | Etincelles FC | 6 | 5 |
| 14 | Espoir FC | 6 | 4 |
| 15 | Rwamagana City FC | 6 | 3 |
| 16 | Marines FC | 5 | 1 |



## 3 Swimming: Habaye igikorwa cyo gushaka abafite impano mu irushanwa rikinirwa mu Biyaga

Ishyirahamwe ry'Umukino wo Koga mu Rwanda "RSF" ku bufatanye na Komite Olempike y'u Rwanda ku nkunga ya "Olympic Solidarity" binyuze muri gahunda yo gutegura abakinnyi bakiri bato "Youth Athlete Development Programme 2021-2024", taliki 22 Ukwakira 2022 hateguwe irushanwa rikinirwa mu Biyaga "RSF Open Water Swimming Championship 2022".

Iri rushanwa ryabereye i Karongi ku Kiyaga cya Kivu rikaba ryari mu rwego rwo gushaka abakinnyi bakiri bato bafite impano kugira ngo bazategurwe bazitabire imikino Olempike y'urubyiruko izabera i Dakar muri Senegal muri 2026 "Youth Olympics Games 2022".

Iri rushanwa ryitabiriwe n'amakipe atandukanye arimo Cercle Sportif de Kigali, Cercle Sportif de Karongi, Rwesero SC, Muhazi Canoe SC, Les Dauphins SC, Mako Sharks SC, Vision JN SC, Rubavu SC na Gisenyi BB.

Abahatanye bari mu byiciro bitandukaye by'imyaka guhera ku myaka 12, 14, 15, 17 na 18 kuzamura mu bahungu n'abakobwa. Bakaba barasiganwe muri metero 800, 1000, ibihumbi 3 n'ibihumbi 5.

Mu bafite imyaka hagati ya 12 na 14, mu bahungu, Byiringiro Christian ufite imyaka 14 akaba akinira ikipe ya CS Karongi ni we witwaye neza akaba yarakinnye mu cyiciro cyo gusiganwa metero 800 n'ibihumbi 3.

Muri metero 800, Byiringiro yabaye uwa mbere akoresheje iminota 13 n'isegonda rimwe (13'01") naho muri metero ibihumbi 3 aba uwa mbere akoresheje iminota 38 n'amasegonda 42 (38'42").

Muri iki cyiciro cy'abahungu bari hagati y'imyaka 12 na 14, Mugwaneza Jean Bosco ukinira Vision JN (Rubavu) muri metero 1000 yegukanye umwanya wa mbere akoresheje iminota 17 n'amasegonda 17 (17'17").

Mu bakobwa, Uwurukundo Ruth na we ufite imyaka 14 y'amavuko akaba akinira ikipe ya Rubavu SC ni we witwaye neza aho muri metero 800 yabaye uwa mbere akoresheje iminota 19 n'amasegonda 54 (19'54").

Biteganyijwe ko igikorwa nk'iki kizakomeza mu Kuboza 2022 ahazaba irushanwa ryo gushaka impano mu cyiciro cy'amashuri, iri rushanwa rizabera muri Green Hills Academy.






Website: www.olympicrwanda.org
www.olympicrwanda.org/commonwealth
Email: cnosr@olympicrwanda.org | @RwandaOlympic

Address: Remera–Hallmark Center Building KG 17 Ave